


# Kubara amashu


Jean Paul Harelimana
Magriet Brink

Kinyarwanda

African Storybook.org



Nyina wa Kagabo amaze icyumweru cyose asarura amashu. Buri wa gatandatu Umutesi, Muneza na Dukuze bafasha nyina wa Kagabo gukora imirimo yo mu murima. Uyu munsi, aba bana baramufasha kubara amashu no kuyapakira mu makarito. Nibarangiza, se wa Kagabo arayajyana ku isoko kuyagurisha.




Abo bana bateze tagisi, ibasiga hafi y'umurima w'imboga. Bakiva muri tagisi batangajwe no kubona ikirundo kinini cy'amashu hafi 'imodoka ishaje ya se Kagabo. Mutesi yariyamiriye ati: "Mbega amashu menshi! Byanze bikunze aragera ku gihumbi."

Dukuze aramuhakanya ati: "Ntibishoboka! Abaye menshi yaba ari nkamagana abiri gusa."



Nyina wa Kagabo yari abategerereje n'ubwuzu bwinsi nuko arabasuhuza ati: "Murakaza neza bana bange! Nishimiye kubabona mwese hano. Mureke tujye ku murimo. Mugomba kubara amashu cumi n'abairi muyashyira mu makarito yabugenewe. Mfite amakarito makumyabiri. Babiri muri mwe murapakira amakarito arindwi umwe umwe hanyuma umwe usigaye arapakira amakarito atandatu."




Abana bageze ku kirundo cy'amashu batangiye kumvikana uko baribuze kuyabara. Muneza aravuga ati: "Ayange ndayabara abiri abiri." Dukuze aravuga ati: "Jyewe ngiye kubara ana ane ni byo byihuta." Dawidi aravuga ati: "Jyewe ndabara atatu atatu simbara nkamwe."



Mukanya gato abana bari bujuje amakarito makumyabiri. Nyina wa Kagabo arabashima ati: "Mwakoze neza cyane." Arakomeza ati: "Ko ndeba hari amashu yasagutse." Yigira inama yo kuyagaburira ingurube ze kuko ziyakunda cyane. Abaza abana ati: "Mwapakiye amashu angahe mu makarito? Ayasigaye angina iki?"




Akazi gasigaye ni ukwandi ibiciro ku makarito no gufasha so gupakira ayo makarito mu modoka Mugomba gupakira amakarito icumi mu ruhande rumwe rw'imodoka, andi icumi mu rundi ruhande kugira ngo atwarike neza.




Se wa Kagabo aravuga ati: "Turi hafi kurangiza. Reka turebe umubare w'amakarito tugombagushyira muri buri ruhande kugira ngo imizigo igende neza."




Nyuma y'umwanya muto, amakarito yose uko ari makumyabiri yari yapakiwe mu modoka. Se wa Kagabo imodoka ayiha umuriro yerekeza ku isoko. Yaribwiye ati: "Nindamuka ngurishije aya makarito yose, nzabona amafaranga yo kuvugurura ikiraro k'ingurube zange, ntungure n'abana bange mbagurira ibintu byiza."




Basubiye mu murima, nyina wa Kagabo n'abana buhira ibihingwa baranabyufia. Byageze saa sita zuzuye bose bananiwe. Nyina arababwira ati: "Igihe cyo kujya kuruhuka kirageze; mwafindua icyo nabahishiye uyu munsi?"



Yihinnye mu nzu ajya kubazanira utuntu yari yabahishiye. Abana bategereje n'amatsiko menshi bashaka kureba icyo abazanira. Yagarutse yahishe ibyo bintu mu itaburiya.



Nyina aje arababaza ati: "Ni nde wafora ibyo mbazaniye?" Nuko ahita afungura itaburiya, pome zisesekara ku meza. Dukuze ariyamira ati: "Nari nabifoye." Nuko nyina abwira abana ati: "Mwibuke komugombakugabana mukaringaniza, ntihagire uryamira abandi."




Abana babaze pome ebyiri ebyiri inshuro umunani, hasigara imwe kuko zose hamwe zari 17.



Hakurikiyeho kugabana ntwawe uryamiye abandi nuko hasigara pome ebyiri. Abana bashyize pome zabo mubikapu bajya mu rugo. Ubwo buri wese yatahanye zingahe?




Dukuze yabagejejeho igitekerezo cye ati: "Nimureke izi pome ebyiri zasigaye tuzisaturemo ibisate tubigabane. Muneza arabaza ati: "Ubwo buri wese aratwara ibice bingahe?" Dukuze aramwenyura ati: "Nzi igisubizo."



Muri ako kanya se aba araje avuye ku isoko.  Imodoka yarimo ubusa; ise avugana akanyamunea ati: "Amashu yose bayaguze. Ubu noneho nshobora gusana ikiraro k'ingurube zange, namwe nkabagurira umupira wo gukina mwashakaga."

Abana babyakirana ibyishimo bati: "Urakoze papa!"



Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Kubara amashu

**Umwanditsi** -- Jean Paul Harelimana
**Icyitegererezo** -- Magriet Brink
**Ubuhinduzi** -- Francine Muhawenimana
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego** -- Paragarafu ndende

© African Storybook Initiative 2016
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
**Inkomoko** www.africanstorybook.org

2025.04.04